Ministère de l'Education Nationale

Survey (

1D — 4p

IKIGANIRO CYA MINISTRI W'UBUREZI
N'ABANYAMAKURU BA RADIO - RWANDA.

---

Umuco w'igihugu.

Witaweho ute ?

Kuva mu ntangiliro za Repubulika ya 2, Leta yihatiye kuvugurura ubuyobozi bushinzwe umuco w'igihugu. Ubwo buyobozi bwabonye abakozi benshi babishoboye none barageragеza kongera guhesha agaciro umuco wacu.

Academi nyarwanda ireba umuco nayo ntiyibagiranye, ubu haligwa itegeko ligomba kuyivugurura kugirango ifate amatwara mashya mu kazi izaba ishinzwe ko gutsura umuco karande w'abanyarwanda.

Twagerageje kenshi guteranya abahanga bose bazwi mu by'umuco kugirango tugume kungurana inama. Hali nk'inama yabaye mu kwezi kwa Nyakanga 1979 yateranije Abanditsi n'Abahanzi b'abanyarwanda basaga 100 bali baturutse mu mpande zose z'igihugu.
Hali n'izindi nama ziba, aliko zose ziba zigamije gutera inkunga umuco wacu kugirango abanyarwanda bose bawukunde kandi bawushakemo inzira igana amajyambere nkuko Muvoma yacu ibishaka kandi nkuko Umukuru w'Igihugu adasiba kubitwibutsa.
Uretse izo nama, Ministeri nshinzwe yihatira gukwiza amabwilize y'umuco mwiza wa kinyarwanda mu ba militants bose babishatse.
Ubu twabonye ko ali ngombwa ko twashyiraho igitabo cyitwa "Uburezi n'Uburere" mushobora gusangamo ibibazo byinshi bireba umuco.
Icyo gitabo cyandikwa buli mezi atatu.
Mujya mwumva kandi ikiganiro cy'umuco gihita muli Radio-Rwanda.
Twizeye icyo kiganiro kibashimisha kandi ko kibafitiye akamaro.
Twitaye cyane kandi kugutera inkunga abantu bashaka gutarama kinyarwanda kuko ali ukubahiliza umuco wacu. Byali bikwiye gusakara mu ngo zacu twese ndetse no mu mashuli kugirango abana bacu bacengerwemo n'umuco w'abasekuru. Ngirango mwumvise nk'umukino w'igitaramo wabereye ku Gisenyi igihe dutaha ingoro ya Muvoma. Uwo mukino wabaye mwiza kandi indi mikino nkuwo yali ikwiye gusakara hose.
Kubyerekeye urulimi rwacu kuko aliyo nkingi ikomeye y'umuco, twihatiye kurusubiza agaciro karwo kuko ubu no mu mashuli, yaba abanza cyangwa se ayisumbuye, abana bazayiga biga mu kinyarwanda.
Muli urwo rwego rw'umuco, hali imishinga myinshi yagezweho cyangwa se icyigwa aliko ikaba ifitiye igihugu akamaro kanini. Muli iyo twavuga :

.../...

a) Umushinga wo kubika umutungo w'igihugu ukubiye mu nyandiko aliwo mu gifransa bita "Archives Nationales". Twaje kumenya ko muli uwo mutungo hakubiyemo ubwenge bwinshi bwafasha igihugu cyacu mu nzira y'amajyambere cyiyemeje. Niyo mpamvu uwo mushinga wiganywe umwete mwinshi none ukaba waratunganye. Ndetse ubu watangiye no gukora.

b) Umushinga wo kubika ibintu byose by'ubukolikoli bw'abanyarwanda kavukire aliwo twakwita mu gifransa "Musée National". Kuli uwo mushinga, ibiro bishinzwe kubarura umutungo w'igihugu kubyerekeye umuco, byifatanije na INRS y'i Butare, birashaka uburyo bwo kubona amafranga yo kwagura inzu ibyo bintu byose byabikwamo. Ubundi iyo nzu igomba kwagurwa isanzwe i Butare. Twizeye ko iyo milimo izatangira vuba aha kuko hali igihugu cy'inshuti cyemeye gutanga amafranga azakoreshwa muli uwo mushinga wo kwagura Musée National.

c) Umushinga wo kubika ibitabo (Bibliothèque Nationale) nawo uragenda neza. Ubu haligwa amategeko agomba kugenga imikorere y'uwo mushinga, ali hafi kurangira. Hakaba kandi hagomba no kubakwa inzu ikomeye yo kubikamo ibyo bitabo byacu, ali ibyanditswe n'abanyarwanda cyangwa se abanyamahanga. Ngirango muzi mwese ubwenge dusanga mu bitabo byinshi kandi musigaye mubona n'ibitabo byinshi byanditswe n'abanyarwanda. Iyo nzu rero nimara kuzura, twizeye ko n'abanditsi b'abanyarwanda baziyongera kuko ibitabo byabo bizaba bifite aho bibikwa byubahilijwe.

d) Umushinga wo gufata neza ahantu hose habereye amateka akomeye y'igihugu (sites et monuments historiques) nawo witaweho cyane. Ubu tuwufatanije na ORTPN na INRS kugirango dutsure ubumenyi bw'abavukarwanda duhereye ku hantu hose habereye amateka akomeye y'igihugu. Tugatekereza ndetse ko twakwiga programu yo kuzajya kunahazana ba mukerarugendo bazaba baje gusura igihugu cyacu kuko ngirango mwese muzi akamaro kabo.

Uretse iyo mishinga maze

kuvuga, hali (ibindi) ibikorwa byinshi.

a) Nko kubyerekeye amateka y'Igihugu cyacu, Ministeri y'uburezi bw'Igihugu yihatiye gukurikirana uko cyazamutse mu ~~nzego~~ majyambere y'inzego zose. Ubwo kandi ko hali abahanga banditse ~~ayande~~ ayo mateka, Ministeri ikorana n'abantu bakuru bakili mu Gihugu, ikabahaza amateka bakibuka, agaranga ayanditswe ku Rwanda.

b) Kubyerekeye kwandika ibitabo byo guhugura abantu

a) Kubyerekeye amateka y'Igihugu cyacu :

Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu yihatiye gukulikirana amateka y'Igihugu cyacu, Uko cyazamutse mu Muco no mu majyambere. Usibye ko hali abahanga banditse ayo mateka, Ministeri y'Uburezi ikorana n'abantu bakuru bakili mu Gihugu, ikababaza amateka bakibuka, bityo bigatuma ibishorwa kuli kuli mu bitabo byose byanditswe ku Rwanda, ali ibyanditswe n'abanyamahanga cyangwa se abanyarwanda kavukire. Ibyo byatumye Ministeri y'Uburezi yandikisha igitabo kitwa : Ibirali by'insigamigani, kizashyikilizwa abanyarwanda mu minsi mike itaha.

Ubwo bushakashatsi buracyakomeza kandi buligwa n'abakozi bacu bo mu buyobozi bukuru bw'Umuco. Bugamije kwandika ibitabo bikubiyemo amateka y'Igihugu cyacu mu Kinyarwanda.

b) Kubyerekeye kwandika ibitabo byo guhugura abantu

Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu yandika buli mezi atatu igitabo kitwa: Uburezi n'Uburere, kigashyikilizwa abanyarwanda bose bagisabye. Ubu icyo gitabo kigeze ku numero ya 5. Ikaba iliho yandikwa muli Imprimeri y'Igihugu cyacu. Usibye ibyo bitabo bihanitse, Ministeri ntiyibagiwe gushakira abanyarwanda ibindi bitabo byo kubahugura. Imaze gutanga amafranga ageze kuli miliyoni 2, isaba imprimeri kuyandikira ibitabo byo gusoma byibanda ku Muco. Hamaze kwandikwa bibili:

- Nyampinga cya Kayigana Charles
- Ntuzakunde Intâti cya Nsabimana Jean Chrysostome.

Ibindi bigeze ku icumi ntibirarangira, aliko byashyikilijwe Imprimeri igomba kubyandika.

c) Ibiganiro byo kuli Radio

N'ubwo ibyo biganiro bimaze iminsi bitumvikana, ntabwo byarorereye. Byahagalitswe n'uko Ministeri yashakaga kumvisha abanyarwanda bose ibyerekeye Ivugururwa ly'amashuli, biyitera gufata ni kugenera masaha yose yali ifite kuli Radio ibiganiro byerekeye ilyo vugururwa. Nyamara abanyarwanda benshi bakunda ibiganiro by'Umuco w'Igihugu cyabo. Ninayo mpamvu Ministeri itazabura kongera kubibagilira, muli iki gihe Ilyo vugururwa limaze kumvikana.

d) Gutera inkunga amateraniro y'Umuco (Centres Culturels).

Mu gihugu hali amateraniro y'Umuco menshi. Ministeri y'Uburezi yanditse ayo materaniro yose, kandi yifuza kuyagenderera no kuyatera inkunga ku bulyo bwose ishoboye. Hali umushinga dufite wo kubaka inzu ikoferwamo ubumenyi bwose bw'Umuco. Iyo nzu tukaba tuyiteganya mu bitwa bya Kigali (Mont Kigali) ahantu hitwa i Busasanzobe.